# REPUBULIKA Y'URWANDA

## MINISITERI Y'UBUTABERA

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

**Ku wa 8 Ukuboza 2017 – Sitade Ubworoherane, MUSANZE**

- **Bwana Guverineri w ' Intara y'Amajyaruguru**
- **Ba Nyakubahwa ba Senateri, ba Nyakubahwa ba Depite,**
- **Banyakubahwa muhagarariye ibihugu byanyu mu Rwanda;**
- **Nyakubahwa uhagarariye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda**
- **Nyakubahwa Madamu Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu**
- **Bakomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu**
- **Bayobozi b'Ingabo na Polisi;**
- **Muyobozi w'Akarere ka Musanze**
- **Bayobozi muhagarariye imiryango itari iya Leta n'Amadini;**

- **Baturage ba Musanze;**
- **Rubyiruko kandi bana bacu mwitabiriye uyu munsi mukuru;**

**MWIRIWE!**

**MUGIRE UMUNSI MWIZA W'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.**

Munyemerere ntangire nshimira mwe mwese mwitabiriye uyu munsi. By'umwihariko nshimire abaturage b'Akarere ka Musanze baduhaye ikaze muri aka karere keza. Nshimire kandi na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'abafatanyabikorwa bayo kuba barateguye uyu munsi.

Buri mwaka u Rwanda rwifatanya n'amahanga kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Uburenganzira bwa Muntu. Uyu munsi turizihiza imyaka 69 ishize ibihugu bihuriye mu Muryango w'Abibumbye bishyizeho Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ku rwego mpuzamahanga mu magambo y'Icyongereza iragira iti '***Stand up for someone's rights today***'; ugenegerekeje isobanura ngo '**Haguruka uharanire uburenganzira bwa mugenzi wawe uyu munsi.**

U Rwanda rwahisemo ko insanganyamatsiko ku rwego mpuzamahanga ihuzwa n'iyo ku rwego rw'igihugu. Bityo insanganyamatsiko ku rwego rw'igihugu ikaba igira iti '**Reka turengere uburenganzira bwa muntu twirinda kandi turwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.** Ndagira ngo mbanze nibutse ko urubyiruko rugize igice kinini cy'Abanyarwanda kukigereranyo gikabakaba 40%. Iki kikaba ari icyiciro cy'ingenzi cy'abanyarwanda. Ni amaboko y'igihugu ya none ndetse nejo hazaza.

Nubwo ku ruhande rumwe, nk'Igihugu twishimira uyu mubare munini w'Abanyarwanda, ufite imbaraga zo kugikorera, ku rundi ruhande dukwiye guhangayikishwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge muri iki cyiciro. Imibare iragaragaza ko umubare w'urubyiruko wishora mu ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ugenda wiyongera kandi ko ingaruka mbi zabyo nazo zirushaho kugaragara kubabikoresha.

Mwese muzi ububi bw'ibiyobyabwenge. Ubwaryo ijambo "ikiyobyabwenge" gisobanura ikintu gitesha umurongo ubwenge cyangwa ibitekerezo byiza. Ibiyobyabwenge ni intandaro y'ihohotera ry'uburenganzira bwa Muntu. Ababifata bibashora mu byaha, mu rugomo no mu bikorwa bibi cyangwa bigayitse. Hari n'abo bihindura ibisenzegeri ntibagire icyo bimarira. Nta mubyeyi n'umwe wifuza ko umwana we yakwokamwa n'ibyo biyobyabwenge kandi n'u Rwanda ntirwifuza urubyiruko rudafite icyo rwimariye. Urubyiruko ni rwo Rwanda rw'ejo dutezeho iterambere ry'igihugu kandi ntidushobora kurigeraho abana bacu tutabarinze ibiyobyabwenge.

**Bayobozi, banyarwanda, nshuti z'u Rwanda;** Itangazo Mpuzamahanga k'Uburenganzira bwa Muntu twizihiza ishyirwaho ryaryo uyu munsi, rijyana kandi rikuzuzaranya nandi masezerano menshi y'uburenganzira bwa muntu. U Rwanda rukaba rwarasinye amasezerano menshi muri yo, kandi runiyemeza kuyakurikiza.

Nagira ngo mbamenyeshe ko muri uyu mwaka wa 2017 Minisiteri y'Ubutabera yateguye kandi ishyira ku mugaragaro Gahunda Mbonezabikorwa y'Igihugu k'Uburenganzira bwa Muntu **'The National Human Rights Action Plan of Rwanda'** izashyirwa mu bikorwa kugeza mu mwaka wa 2020. Akaba ari ku nshuro ya mbere gahunda nkiyi igiyeho. Iyi gahunda ikaba irushaho

gushimangira ubushake ndetse n'umurongo igihugu cyihaye kubyerekeye kubungabunga no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Nkaba naboneraho gushishikariza abafatanyabikorwa bose kumenya ndetse no kumenyesha abanyarwanda ibikubiye muri iyo gahunda ndetse hakitabwa ku ibikorwa bigamije ishyirwa mu bikorwa ryayo.

**Ngarutse ku nsanganyamatsiko y' uyu munsi ku rwego rw' igihugu, Banyamusanze, cyane cyane rubyiruko rwa Musanze**; ibiyobyabwenge bibangamira cyane uburenganzira bwanyu kandi nkuko nari mbivuze bikabangamira n'abatabikoresheje. Urubyiruko rwishoye mu biyobyabwenge, ntiruba rugishoboye kwiga neza, gukora umurimo nkuko bikwiriye cyangwa se ngo rubeho ubuzima bwiza. Ahubwo rwisanga bu bikorwa byinshi binyuranyije n'amategeko, nk'ubujura, ihohoretera rishingiye ku gitsina ndetse, gusambanya abana n'ibindi bikorwa byinshi by'urugomo. Ibi bikorwa bibangamira bikomeye uburenganzi bwa muntu kandi bigashegesha ubuzima bw'igihugu.

Ibiyobyabwenge ni intandaro y'ibindi byaha n'ibikorwa bigayitse byinshi.  Nagira ngo ngaruke kuri bibiri.  Amakimbirane yo mu ngo n'ihophoterwa rishingiye ku gitsina.

Mwese muri hano ngira ngo mbibutse ko ibi bintu bihangayikishije imiryango itari mike kandi bikomeje byabangamira imibereho yayo n'icyerekezo cy'iterambere ry'igihugu cyacu.  Bityo rero nagira ngo mbwire ubirimo wese ko yabivamo inzira zikigendwa.  Leta ntacyo izahwema gukora gishingiye ku mategeko ariho cyangwa azashyirwaho kugira ngo bicike burundu.  Nagira ngo mbamenyeshe ko intego ari uko bicika.  Ikigomba gukorwa ngo bicike nicyo kizakorwa.  Muzi ko Leta itahwemye gufatanya n'abaturage kurwanya icyabangamira imibereho, amahoro, ituze n'uburenganzira bwabo.  N'ibi niko bizagenda, amakimbirane mungo, ihohoterwa rishingiye ku gitsina,

ibiyobyabwenge bizagirwa amateka, twibuke ko n'ibibirushije ingufu n'ubukana baygizwe amateka.

**Banyakubahwa mwese muteraniye aha, baturage ba Musanze,** ngana ku musozo ndagira ngo nsabe ubufatanye bw'inzego haba iza Leta, imiryango itari iya leta, amadini ndetse n' abafatanyabikorwa batandukanye guhuriza hamwe imbaraga muri uru rugamba rwo kurwanya ibiyobya bwenge mubanyarwanda bose ariko kuby'umwihariko mu rubyiruko. Ibi dukwiye kubyumva nk'inshingano za buri Munyarwanda kandi nk'umusanzu wa buri wese mu kubungabunga no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Nkuko insanganyamatsiko y'uyu munsi ku rwego Mpuzamahanga idushishikariza **guhaguruka tugaharanira uburenganzira bw'umuntu uyu munsi**, ndayihuza n'insanganyamatsiko twihaye nk'igihugu mvuga ko uyu munsi, umuntu wese mubari aha ndetse no hirya no hino mugihugu ashobora kugira intego yo gufasha umwana umwe w'umunyarwanda kuva mu biyobyabwenge. Mu gihe ukoze iki gikorwa uba kandi ukijije undi munyarwanda wahura n'ingaruka zibiyobyabwenge nyamara atabikoresheje bitwo ukaba ugize n'uruhare mu kubungabunga no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

**MURAKOZE KANDI MUKOMEZE KUGIRA UMUNSI MWIZA!**